

URUHONGORE
2010




Mureke abana bato bansange (Matayo 19: 14)

URUHONGORE

2010

Inyigisho z'ishuri ry'icyumweru ry'abana, ni rimwe mu mashami y' ivugabutumwa itorero rigomba gushyiramo imbaraga, kuko rititaweho, Itorero ryaba rimeze nk'umwubatsi wubaka nta musingi yateguye.



Ishuri ry'icyumweru ry'abana mu itorero

Kuki hakenewe ishuri ry'icyumweru ry'abana?

Ishuri ry'icyumweru ry'abana ni uruganda itorero ryari rikwiye guteguriramo abakristo. Ese ni iki gituma amatorero adashyira imbaraga mu nyigisho z'abana? Ese birakwiye ko amatorero ategereza ko abana bakura kugira ngo babategurire inyigisho n'impuguro zihamye? Iyo umuraba umaze kuba mwinshi wonona byinshi! Birakwiye ko amatorero atekereza hakiri kare ku nyigisho z'abana kugira ngo bahabwe impamba izabafasha kuba abakristo, niho itorero rizagira icyizere cy'urubyiruko rukijijwe. Niba amatorero ashaka kwandika ibitazasibama mu mitima y'abakristo, igihe cyo kubikora cyiza ni mu ishuri ry'icyumweru ry'abana (Benoit 1993:11).

Itorero ntiryasimbura umuryango w'umwana, ariko inyigisho umwana ahabwa n'itorero zaziba icyuho, zikunganira umuryango nyarwanda mu kwita ku burere bw'umwana. Ni iki gituma amatorero adashyira imbaraga mu ishuri ry'icyumweru ry'abana kandi usanga bagize umubare munini w'abakristo baza gusenga? Ni uko badafatwa nk'abakristo b'abanyamumaro? Cyangwa ni umuco w'abanyarwanda wo kudaha agaciro gakwiriye abana wakomeje no mu itorero? Cyangwa hari izindi ntege nke zihishe inyuma y'icyo kibazo cy'ingutu amatorero akwiye kwitaho, agakemura?

Ivugabutumwa mu bana aho riri mu matorero usanga rititabwaho uko bikwiye, nta na rimwe wasanga itorero ryatumirije abana umuvugabutumwa w'umushyitsi, nta mupasitori muri paruwase utegurira abana ngo abigishe, ahanyura nk'umushyitsi gusa, abigisha abana usanga badahabwa amahugurwa abafasha gukora uwo murimo neza, inyigisho z'abana nubwo nazo zidategurwa, aho ziri usanga zidahinduka, buri mwaka bakazisubiramo kumara igihe kirekire, abana bagera aho bakazirambirwa. Ishuri ry'icyumweru ry'abana ryahindutse nka gereza barindirimo abana kugira ngo abakuru babone uko bakurikira inyigisho zabo. Gutegurira abana no kubigisha neza bibafasha kugira intumbero nziza kandi ihamye (Tieche 1966: 149)

Ese amatorero yakora iki kugira ngo yite ku ivugabutumwa mu bana ko ari ryo rufatiro rukomeye rw'itorero? Kunezererwa ko bafite abana benshi bitabira kuza mu rusengero ni imbaraga zikomeye itorero rifite, ryagombye guhugura abarimu bigisha ishuri ry'icyumweru ry'abana, rigategura inyigisho zigendanye n'imyaka y'abana kandi ku buryo abana bazikunda. Izo nyigisho n'uko zitangwa nizo zizafasha mu kubaka urufatiro rukomeye rwo kwizera mu bana, bityo bigatuma bagira urubyiruko rufite urufatiro rwubatse neza. Ese kuki amatorero agomba kwita ku ishuri ry'icyumweru ry'abana? Ni ukugirango abantu bakuru babone uko bakurikira inyigisho zabo abana batabasakuriza? Cyangwa ni uko Yesu yasigiye abigishwa be inshingano yo kwita ku bana b'intama ze? (Yohana 21:15)


Ishuri ry'icyumweru ry'abana ni umurimo itorero rikwiye gushyiramo imbaraga, kuko ari ryo ritegura abakozi beza. Burya, ni byiza kumenyereza abana inzira bakwiye kunyuramo bakiri bato ngo niba bishoboka bazarinde bayisaziramo. Ibanga ryo gukura no gukomera kw'itorero riri mu kwita ku ishuri ry'icyumweru ry'abana, bagahabwa inyigisho zibafasha kwihana, gusenga, gukura no kwera imbuto zikwiriye abihannye, buzuye imbaraga z'Umwuka Wera. Izi ngingo ni zo zikubiye mu mfashanyigisho **'Uruhongore 2010'** kandi zizajya zisohoka buri mwaka.

Ishuri ry'icyumweru ry'abana ryiza rirangwa n'ibyciro bitatu kugira ngo abana bahabwe inyigisho zikwiranye n'imyaka yabo. Mu byiciro byose higwa isomo rimwe ariko rigatangwa mu buryo butandukanye hakurikijwe ibyciro. Mu cyiciro cya mbere (kuva ku myaka 3-5), Mwarimu yigisha abana ijamba ry'Imana, yifashishije igice cyo muri Bibiliya yateguye, akakibabwira mu ncamake y' mirongo itarenze itanu, ikubiyemo amagambo y'ingenzi ashaka kwigisha abana. Iki cyiciro gisaba kugitegurira by'umwihariko, kuko ibyo ubigisha bisaba ko uba washatse imfashanyigisho zizatuma babyumva neza.

Icyiciro cya kabiri (kuva ku myaka 6-9), ni abana baba biga icyiciro cya mbere cy'amashuri abanza. Mwarimu ategurana ubwitonzi ibyo ari bubabwire kuko n'ubwo yabasomera, biramusaba gusoma imirongo mike. Ubundi incamake y'igice ashaka kwigishaho akaba ayizi neza akayibwira abana. Muri iki cyiciro na bo bakeneye imfashanyigisho zibafasha kumva neza isomo. Naho icyiciro cya gatatu (kuva ku myaka 10-12), ni abana bamaze gukura bamenyereye gusoma inkuru ndende, kandi batangiye kumva ari abasore n'inkumi. Kubasomera no kuganira na bo ku nkuru yasomwe birabafasha kuko na bo barakungura, baba batangiye gusobanukirwa neza ibyo basomye. Mwarimu agomba guha umwe mu bana igice kizasomwa akagitahana kugira ngo agitegure neza azagisomere abandi.

Nibura mu ishuri hagomba kubamo abarimu 2 buri cyumweru. Ibi bifasha abarimu bashya kumenyerezwa kuko ishuri ry'icyumweru ry'abana ritandukanye n'iry'abakuru mu myigishirize. Buri cyiciro cy'abana cyagombye kugira abarimu bagikurikirana kugira ngo bamenye neza uko abana bakura, ndetse n'abo gufashwa by'umwihariko. Ibi bizakomeza ubumwe hagati y'abana n'abarimu babo. Abarimu bagomba gutegura, kandi bakagira igihe cyo gusengera inyigisho bazatanga ku cyumweru mu bana, atari ugufata igitabo ngo babasomere gusa. Bagomba rero kuba na bo ari abakristo bihannye ibyaha kandi bahamagawe n'Imana gukora uwo murimo wo kwigisha abana. Gutegura amahugurwa y'abarimu ni ngombwa cyane kuko ni uburyo bwo kwisuzuma no kureba uko umurimo w'Imana Data ukorwa.

Gahunda y'ishuri ry'icyumweru ry'abana imara isaha imwe. Iba ikubiyemo indirimbo, gusenga, inyigisho, ubuhamya, imikino no gutura. Gutegura mbere aho abana bigira, bituma, iyo igihe cyo kwiga kigeze, Mwarimu ahita atangira gahunda adataye igihe. Iyi mfashanyigisho yateguwe, izagira umumaro munini bitewe na mwarimu kuko bimusaba igihe cyo gusenga, gusoma Bibiliya no gutegura. Nubwo imikino myinshi irimo ikosoye ku mpapuro z'umugereka, birasaba kubanza kuyisoma neza kuko imyinshi abana b'icyiciro cya mbere ntibayishobora, ariko iyindi irimo gusiga amabara nabo bayikora. Ibi bizafasha Mwarimu gutegura ibikoresho bikenewe ngo umukino ugende neza.



MUTARAMA 2010

Icyumweru cya 1: 3 Mutarama 2010

Isomo: Yesu n'abarobyi. **Luka 5:1-11.**

Abana baritegereza iki gishushanyo bavumbure ibyo babona ho. Nyuma mwarimu ari bugihe abana bagitahane bajye kugisiga amabara



Intego: Gufasha abana kumenya ko:

1. Yesu ntakimunanira.
2. Yesu aradukunda.
3. Azi ibibazo byacu kandi yiteguye kudufasha.
4. Mu gihe tugize ibiduca intege, dukwiye gusaba Yesu akadufasha kuko ashobora byose.

Incamake: Mu kibaya cy’inyanja ya Genezareti, Yesu yigishaga abantu yicaye mu bwato bwa Petero. Arangije abwira Petero na bagenzi be bari bagize ikibazo cyo gukesha ijoro ryose baroba ntibagire icyo bafata, kujugunya urushundura mu nyanja ngo barobe. Babanza gushidikanya ariko nyuma barabyemera maze bafata amafi menshi cyane ndetse inshundura zabo zenda gucika kubera kuremererwa. Bose baratangara kandi baranezerwa.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “Simoni aramusubiza ati: Databuja twakesheje ijoro dukora cyane nyamara ntacyo twafashe ariko kuko ubivuze reka nzijugunye”. **Luka 5:5**

Umukino: Gukina inkuru bamaze kwiga.

Ibikoresho: intebe (ubwato); ibitenge 2 (inshundura).

Abakinnyi: Abana 7: batatu (Petero, Yakobo na Yohani) ukwabo; batatu (abandi barobyi) ukwabo n’undi umwe (Yesu), abantu Yesu yigishaga (abana bese baje kwiga mu ishuri ry’icyumweru).


Amabwiriza y’umukino: Abarobyi bari ku mirongo iteganywe batatu batatu. Batangire bazunguze amaboko nk’abagashya, buri murongo uraba ufite urushundura bajye barujugunya, bongere barukurure bareba ko hari icyo bafashe babikore nka 3. Yesu asange ba barobyi batatu bamesa inshundura, ahamagare Petero amusabe ubwato bwo kwicaramo, abumuhe. Yesu yigishe abantu. Arangije ahamagare Petero n’abo bari kumwe ngo bajugunye urushundura mu mazi. Petero abanze kwanga yumvisha Yesu ko ntako batagize. Yemere arujugunye hanyuma barukurure berekana ko baremerewe. Bahamagare bagenzi babo baze kubafasha, babikore baseka, batangara kandi bishimye. Mwarimu azaraba ibintu bisimbura amafi abishyire mu gitenge.

Umukoro wo mu rugo:

a. Soma Matayo 4: 18-22

Subiza ibi bibazo:

1. Ese abigishwa bari bazi kuroba?
 2. Yesu yicaye mu bwato bwa nde?
 3. Ese abigishwa babwiye Yesu ko bakesheje ijoro baroba ntibagire icyo bafata yabasubije iki?
 4. Bamaze kwemera kujugunya urushundura nk’uko yari abategetse, byabagendekeye gute?
 5. Bwira umuntu w’inshuti yawe iyi nkuru.
- b. Iyi modoka ije gutwara abarobyi, yobora umushoferi abashe kubageraho kandi usige amabara inzu, ibiti n imodoka.**



Icyumweru cya 2: 10 Mutarama 2010

Isomo: Gukosora umukoro batahanye ubushize.

- a. Gusomera hamwe n'abana **Matayo 4: 18-22** no gusubiza ibibazo byatanzwe Mwarimu akosora afatanije n'abana kuko baba barabisubije.
- b. Kurebara hamwe n'abana inzira imodoka yanyuze ije gutwara abarobyi, nyuma mwarimu atere umwete abana berekenye uko basize iriya nzira.

Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.

Yesu n'abarobyi. **Luka 5:1-11.**

1. Yesu ntakimunanira.
2. Yesu aradukunda.
3. Azi ibibazo byacu kandi yiteguye kudufasha.
4. Mu gihe tugize ibiduca intege, dukwiye gusaba Yesu akadufasha kuko ashobora byose.

Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Luka 5:5

Icyumweru cya 3: 17 Mutarama 2010

Isomo: Yesu ahumura impumyi. **Mariko 10 :46-52**

Umukino:

Umukino w'impumyi.

Abakinnyi : abana 4

Ibikoresho : udutambaro 2 twijimye cyane n'utundi 2 tutijimye, umupira bambara, ikayi, igitabo n'ikaramu.

Uko umukino ukorwa :

- Gupfuka abana bane mu maso n'udutambaro
- Kubwira umwe gushaka umupira, undi ikaramu, undi igitabo, undi ikaye. Barabishaka bapfutse mu maso.
- Abandi bana baraba babitegereza igihe bashakashaka.
- Nibabibona cyangwa bakabibura, nyuma abana bari bapfutse mu maso barabwira abandi uko bumvaga bamerewe.
- Hanyuma ababarebaga bavuye icyo batekerezaga.
- Mwarimu abaze abana icyo batekereza ku mpumyi.

Intego: Gufasha abana kumenya ko:

1. Abatishoboye n'abafite ubumuga na bo bafite agaciro.
2. Ntabwo ari byiza kubahutaza ahubwo tubakunde, tubagirire neza, tubafashe kubaho banezerewe.
3. Yesu ashobora byose yahumuye Barutimayo.
4. Yesu akunda abantu bose ndetse n'abafite ibibazo abitaho.

Incamake: Umuntu utarabonaga, Barutimayo yari yicaye ku nzira asabiriza abahise bese. Umunsi umwe Yesu anyura hafi ye yumva cyane amuhamagara ngo amuhumure. N’ubwo abantu bamucyahaga ngo aceceke, Yesu yaramuhamagaye ngo amwegere maze aramuhumura, amukurikira anezerewe.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “ Yesu arayibaza ati urashaka ko nkugirira nte ? » Iyo mpumyi iramusubiza iti « mwigisha ndashaka guhumuka”. **Mariko 10 :51**

Umukoro wo mu rugo:

- a. Soma **Luka 18:35-43** maze usubize ibi bibazo:
 1. Iyi mpumyi Yesu yakijije yitwaga nde?
 2. Ko yari impumyi, yabwiwe n’iki ko hari abantu bari mu nzira?
 3. Abajije abari bakurikiye Yesu ngo uwo ni nde, bamusubije iki?
 4. Ese atakiye Yesu, abari bamukurikiye babwiye ngo iki impumyi?
 5. Yaracecetse se?
 6. Yesu yamubwiye ngo iki?
 7. Vuga mu magambo yawe iyi nkuru?
 8. Ni iki cyagutangaje, cyakubabaje? Urumva iyi nkuru ikunguye iki uzaganira n’abandi bana ndetse n’abo mwigana?Soma **Luka 18:35-43** maze usubize ibi bibazo:
- b. Iyo umuntu ari impumyi ntabona ubwiza bw’ibyo Imana yaremye arabyumva gusa. Siga amabara muri aya mashusho akurikira



Icyumweru cya 4: 24 Mutarama 2010

Isomo: Gukosora umukoro abana batahanye

Gusomera hamwe n'abana **Luka 18:35-43** maze bagasubiza ibibazo abana batahanye.

Buri mwana yereke bagenzi be uko yasize amabara igishushanyo cye hanyuma buri mwana agerageze kuvuga ibintu Imana yaremye bimunezeza cyane kurenza ibindi.

Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.

Yesu ahumura impumyi. **Mariko 10 :46-52**

1. Abatishoboye n'abafite ubumuga na bo bafite agaciro.
2. Ntabwo ari byiza kubahutaza ahubwo tubakunde, tubagirire neza, tubafashe kubaho banezerewe.
3. Yesu ashobora byose yahumuye Barutimayo.
4. Yesu akunda abantu bose ndetse n'abafite ibibazo abitaho.

Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: **Mariko 10 :51**

Icyumweru cya 5: 31 Mutarama 2010

Isomo: .Urukundo rw'Imana ku munyabyaha. **Yohana 4:1-27.**

Intego: Gufasha abana kumenya ko:

1. Yesu nta muntu anena nk'uko hari abandi bantu babikora. Natwe tumwigane.
2. Nta wundi utanga amazi y'ubugingo uretse Yesu.
3. Yesu azi ibyacu byose na bya bindi dukorera mu rwihisho.


Incamake: Yesu ageze i Samariya mu mudugudu witwa Sukara yicara ku iriba, umusamariyakazi wari uje kuvoma arahamushyamba, Yesu amusaba amazi yo kunywa, umugore aramwimira kuko Abayuda banenaga Abasamariya. Maze Yesu amuhishurira ko we atanga amazi y'ubugingo amara inyota iteka ryose. Bakomeje kuganira, Yesu amumenyesha ko azi ko asimburanya abagabo batari abe. Umugore abyumvise atangazwa no kumva amubwira ibyo yakoze byose, akeka ko ari umuhanuzi. Ariko Yesu amuhishurira ko ari Mesiya. Abigishwa be batangazwa no kubona avugana n'uwo mugore.

Umurongo wo gufata mu mutwe: Abana mu matsinda ya batanu batanu, batahure amagambo 23 agize interuro yo muri **Yohana 3: 17** yanditse mu mbonerahamwe ikurikira.

K	U	K	O	↑	⊗	@	☺	%	↑	#	B
☺	♣	&	♣	I	M	A	N	A	♣	⊗	A
I	⊗	☺	A	T	G	U	C	I	R	A	K
T	S	%	B	A	@	H	O	S	⊗	B	I
E	\$	I	A	T	&	⊗	@	I	☺	A	Z
K	K	↑	R	U	M	W	A	N	A	R	W
A	U	⊗	I	M	U	+	H	↑	*	I	E
*	G	W	A	Y	O	I	U	#	N	%	♣
♣	I	☺	⊗	E	%	S	B	♣	G	☺	&
+	R	\$	♣	⊗	↑	I	W	%	O	↑	☺
⊗	A	Y	A	B	I	K	O	R	E	Y	E

Mwarimu azenguruke mu matsinda, abayivumbuye ababwire aho iri maze bayifate mu mutwe, abatawuvumbuye abafashe kuwuvumbura.

Umukoro wo mu rugo: Umukoro wo mu rugo: Siga amabara muri iki gishushanyo uyu mugore atangirira ko Yesu yamenye ibye byose



GASHYANTARE 2010

Icyumweru cya 1: 07 Gashyantare 2010

Isomo: Gukosora umukoro batahanye ubushize.

Abana berekane ukuntu basize uyu mugore utangirira uko Yesu yamenye ibye byose hanyuma baganire ku nkuru z'ubuzima bwabo. Ibi bizabafashe gutega amatwi bagenzi babo no kubumva.

Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.

Urukundo rw'Imana ku munyabyaha **Yohana 4: 1-27** .

1. Yesu nta muntu anena nk'uko hari abandi bantu babikora. Natwe tumwigane.
2. Nta wundi utanga amazi y'ubugingo uretse Yesu.
3. Yesu azi ibyacu byose na bya bindi dukorera mu rwihisho

Gusaba buri mwana agashushanya umutima w’umuntu, akandikamo ibintu 3 bimutera ubwoba n’ibindi 3 bimunezeza. Mwarimu ahareye kubyo abana bashushaniye kuganira n’abana ku buzima bwabo n’uku Imana ibitaho mu buzima bwabo bwa buri muni.



Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Yohana 3: 17

Icyumweru cya 2: 14 Gashyantare 2010

Isomo: Yesu akiza umwana w’umutware. **Yohana. 4:46-54**

Intego: Gufasha abana kumenya ko:


1. Amasezerano Yesu atanga aba ari ay’ukuri
2. Kwizera Yesu ni ko gutuma ibyifuzo byacu bisubizwa.
3. Tujye twiringira amasezerano ya Yesu nk’uko uyu mutware yabigenje.

Incamake: Yesu ari i Kana y’i Galilaya, umutware wari ufite umwana urwaye yaramusanze, amwingingira kujyana na we ngo amukize. Yesu aramubwira ngo nagende umuhungu we ni muzima. Uwo mutware yizera iryo jambo arataha, ageze koko asanga amwana we yakize ku isaha Yesu yabimubwiriyeho. Bituma yizera Yesu, we n’abo mu rugo rwe bose.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “Ibyo yasezeraniye ibasha no kubisohozwa” **Abaroma 4:21**

Umukoro wo mu rugo:

- a. Uzuza muri izi nziga eshanu, ibintu (kimwe kimwe muri buri ruziga) biranga umuntu wizera Yesu. Ibyo wowe wihitiyemo.



- b. Ibyo Imana yaremye ni byiza cyane! Ariko umuntu agomba kubirinda kugirango bitononekara. Gutera ibiti ni imwe muri gahunda yo kongera ubwiza bw'ibyo Imana yaremye. Ese wari watera igiti aho utuye muri ghunda yo kurinda ibidukikije? Siga amabara muri ibi biti.



Icyumweru cya 3: 21 Gashyantare 2010

Isomo: Gukosora umukoro batahanye ubushize

- a. Buri mwana asomere bagenzi be ibyo yujuje muri ziriya nziga biranga umuntu wizera Yesu, abiganireho n'abana bareba ibyo bahuriyeho bese.
- b. Nyuma buri mwana yereke bagenzi be uko yasize amabara mu mashusho, mwarimu areke abana batangarire uko basize neza amashusho. Mwarimu akomeze abaza buri mwana umubare w'ibiti yibuka yateye muri gahunda yo kurinda ibidukikije babiganireho bavuga ku kamaro k'ibiti mu buzima b'umuntu.

Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.

Yesu akiza umwana w'umutware. **Yohana. 4:46-54**

1. Amasezerano Yesu atanga aba ari ay'ukuri
2. Kwizera Yesu ni ko gutuma ibyifuzo byacu bisubizwa.
3. Tujye twiringira amasezerano ya Yesu nk'uko uyu mutware yabigenje.

Gukora amatsinda y'abana babiri babiri, bagahana ibyifuzo bagasengerana.

Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Abaroma 4:21

Icyumweru cya 4: 28 Gashyantare 2010

Isomo: Yesu akunda abana. **Mariko 10:13-16**

Intego: Gufasha abana kumenya ko:

1. Umwana wese uko ari kose afite agaciro imbere ya Yesu.
2. Umwana na we akwiye kwibwirira Yesu ibyifuzo bye kuko amuteze amatwi.
3. N'ubwo Yesu akunda abana ntabwo akunda ibyaha byabo, bakwiye kubwirinda no kwihana igihe cyose bacumuye.
4. Na bo Yesu arabahamagara ngo abahe umugisha.

Incamake: Ababyeyi bazaniye Yesu abana ngo abakoreho ariko abigishwa bababuza kumwegera maze Yesu arababwira ati "mwibabuza kunyegera", arabakira abaha umugisha abarambitseho ibiganza.

Umurongo wo gufata mu mutwe: "Nimureke abana bato baze basange, ntimubabuze". **Mariko 10:14**

Umukoro wo mu rugo:

- a. Ubwo Yesu agukunda ni byiza ko nawe umunezeza. Muri iyi mbonerahamwe ikurikira, harimo ibikorwa bitanu ushobora gukora maze Yesu akanezerwa. Ngaho bivumbure.

T	I	R	N	U	K	E	Y	A	Z	U
P	H	M	V	R	U	G	S	K	S	J
F	A	Z	E	R	T	U	R	W	H	Z
K	F	I	W	O	I	S	M	I	N	E
V	K	U	T	A	B	E	S	H	Y	A
A	G	J	U	Z	A	N	K	A	G	E
N	I	M	U	T	R	G	H	N	F	I
G	U	H	I	M	B	A	Z	A	K	U
T	I	B	M	F	I	N	G	U	S	O
N	T	A	H	I	J	I	K	A	R	E

- b. Ese uyu mwana urabona yishimye? Arababaye kuko yatukanye kandi ari umukristo. Ngaho sigamo amabara agaragare neza. Wamubwira iki ngo yongere anezerwe?



WERURWE 2010

Icyumweru 1:7 Werurwe 2010

Isomo: Gukosora umukoro batahanye ubushize

- a. Abana baravuga ibikorwa bavumbuye byanditse mu mbonerahamwe. Kwihana, Kwizera, Gusenga, Guhimbaza, Kutabeshya, kutiba. Mwarimu n’abana baganire kuri buri gikorwa impamvu kinezeza Imana.
- b. Abana berekane amashusho basizemo amabara. Hanyuma baganire uburyo bakwirinda gutukana.

Kwibukiranya ibintu by’ingenzi abana bize mu isomo ry’ubushize.

Yesu akunda abana. **Mariko10:13-16**

1. Umwana wese uko ari kose afite agaciro imbere ya Yesu.
2. Umwana na we akwiye kwibwirira Yesu ibyifuzo bye kuko amuteze amatwi.
3. N’ubwo Yesu akunda abana ntabwo akunda ibyaha byabo, bakwiye kubyirinda no kwihana igihe cyose bacumuye.
4. Na bo Yesu arabahamagara ngo abahe umugisha.

Kwibukiranyu umurongo bafashe mu mutwe: Mariko10:14

Icyumweru cya 2:14 Werurwe 2010

Isomo: Mu gusenga niho tubwirira Uwiteka ibituremereye n'ibyifuzo byacu. **1 Samweli 1:1-28**

Intego: Gufasha abana kumenya ko:

1. Tudakwiye kwihererana ibiduhangayikishije ahubwo tubizanire Uwiteka mu masengesho maze aturuhure.
2. Igihe umaze gusubizwa, jya wibuka gusenga ushima Imana.

Incamake: Hana yari umugore wa Elukana w'Umwefurayimu. Uwo mugore yari ingumba kandi mukeba we witwaga Penina yahoraga abimucyurira. Umugabo we yaramukundaga, kenshi akamwihanganisha amubwira ko amurutira abana benshi ariko ibyo byose ntibyamara Hana umubabaro. Umunsi umwe, yiyemeza kujya mu nzu y'Imana, asuka amaganya ye imbere y'Uwiteka kandi amuhigira umuhigo ko namuha umwana w'umuhungu azamumuturira akaba umukozi we. Maze Uwiteka yumva gusenga kwe aramumuha.

Umurongo wo gufata mu mutwe: "Ntimukagire icyo mwiganyira, ahubwo ibyo mushaka byose bimenywe n'Imana mubisabiye, mubyingingiye, mushima". **Abafilipi 4:6**

Umukoro wo mu ishuli: Subiza ibibazo bikurikira:


1. Elukana yari mwene nde?
2. Yari atuye he?
3. Undi mugore we uretse Hana yitwaga nde?
4. Kuki Hana yahoranaga agahinda?
5. Igihe Hana yajyaga mu nzu y'Imana gusenga yahasanze nde?
6. Amaze gusenga uwo muntu yamubwiye ngo iki?
7. Ni uwuhe umuhigo Hana yahigiye Uwiteka?
8. Hana amaze kubyara umwana yamwise nde? Kubera iki?
9. Umwana amaze gucuka Hana yakoze iki?

Umukoro wo mu rugo:

- a. Uzaza neza mu mbonerahamwe amazina y'abantu, y'Imana n'ay'ahantu havugwa mu gice cya **1 Samweli 1:1-8**.

H				E				
	H	U						
P						L		
	F	U						
			S	U	F	I		
		E						
		S						
	F							

- b. Vumbura ibikoresho by'umunyeshuri biri hano hanyuma ubisige amabara uvuye n'icyo bikora



Icyumweru cya 3:21 Werurwe 2010

Isomo: Gukosora umukoro batahanye ubushize

- a. Amazina bagomba kuzuza mu mbonerahamwe. Hana, Elihu, Uwiteka, Efurayimu, Elukana, Shilo, Fenihasi, Pahina, Hofuni. Mu kuyarondora mwarimu n'abana baraganira ku cyo bazi kuri abo bantu cyangwa ahantu bifashishije igice cyasomwe ubushize. !

Samweli 1: 1-28

- b. Kurebera hamwe amazina y'ibikoresha abana bavumbuye ari mu gishushanyo. Mwarimu aganire n'abana uko amasomo biga ku ishuri agenda.

Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.

Mu gusenga niho tubwirira Uwiteka ibitumereye n'ibyifuzo byacu. **1 Samweli 1:1-28**

1. Tudakwiye kwihererana ibiduhangayikishije ahubwo tubizanire Uwiteka mu masengesho maze aturuhure.
2. Igihe umaze gusubizwa, jya wibuka gusenga ushima Imana.

Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Abafilipi 4:6

Icyumweru cya 4: 28 Werurwe 2010

Isomo: Yesu yinjirana muri Yerusalemu icyubahiro. **Mariko 11: 1-11**

Intego: Gusobanurira abana ko:

1. Yesu ari umwami utegeka byose.
2. Yesu ari umwami ukwiye guhabwa icyubahiro.
3. Yesu yagiye i Yerusalemu ahetswe n'indogobe.

Incamake: I Yerusalemu aho Yesu tubona azamutse ajya, hafite umwanya munini mu butumwa uko ari bune. Yesu yagiye i Yerusalemu ahetswe n'indogobe amaze guhinyurwa n'ab' i Galilaya, kandi yari amaze kuvuga iby'urupfu rwe. Uru rugendo rwe, ni rwo rwabimburiye imibabaro ye, n'ubwo yinjiye muri Yerusalemu nk'uneshye, bamuririmbira, bamusingiza, yinjiye muri Yerusalemu yicishije bugufi ahetswe n'icyana cy'indogobe kitigeze guheka undi muntu. Ubundi abami b'icyo gihe bagendaga ku ifarashi.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “Abamushagaye bararangurura bati: Hoziyana hahirwa uje mu izina ry'Uwiteka”. **Mariko 11:9**

Umukino wo mu ishuri:

Ibikoresho: - Imikindo


- Ibitambaro
- “Masque” ikoze nk'umutwe w'indogobe, izambarwa n'umwana uzakina mu mwanya wayo.
- Umwana w'umuhungu wambaye ikanzu y'umweru ndende uzakina mu mwanya wa Yesu.

Amabwiriza y'umukino: Umwana w'umuhungu wambaye ikanzu y'umweru ndende yicare ku mugongo w'umwana wambaye masque ikoze nk'umutwe w'indogobe uzaba agenda

nk'indogobe, hanyuma abandi bana basase imikindo, n'imyenda mu nzira aho indogobe inyura bose bavugire rimwe bati 'Hoziyana hahirwa uje mu izina ry'Uwiteka.'

Umukoro wo mu rugo:

- a. Wibuka igihe Yesu yazamukaga i Yerusalemu ahetswe n'indogobe, siga amabara muri iki gishushanyo



MATA 2010

Icyumweru cya 1: Pasika 04 Mata 2010

Isomo: Yesu yarazutse ni muzima **Mariko16:9-14**

Intego: Gufasha abana kumenya ko:

1. Yesu yazutse, ubu ari muzima.
2. Mbere yo gusubira mu ijuru yiyeretse abigishwa be kenshi.
3. Isezerano ryo guhabwa Umwuka Wera ari iry'abantu bose.
4. Kugira ngo bahamye Yesu bagomba kubanza bakihana ibyaha hanyuma bagahabwa imbaraga z'Umwuka Wera.

Incamake: Yesu amaze kuzuka yiyereka Mariya Magadalena, maze na we ajya kubimenyesha abandi bigishwa ariko ntibabyemera, babyemejwe n'uko bamubonye.

Yarababonekeye, abagaya kutizera kuko yari yarabibabwiye ko azapfa akazuka.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “Arababwira ati: mwitangara nzi yuko mushaka Yesu w’i Nazareti wabambwe ariko yazutse ntari hano, dore aho bari baramushyize!” **Mariko 16:6.**

Umukino wo mu ishuri:

- Mwarimu afate abana 11 abicaze ahantu hamwe (abigishwa).
- Abo bana baganire uburyo babanaga na Yesu nyuma agapfa.
- Umwana w’umukobwa aze yiruka abasanga (Mariya) avuga cyane yishimye ati: “nabonye Umwami Yesu yazutse!”
- Ba bana 11 bamucyahe barakaye bati: “wibeshya ni uwo wabonye usa na we”.
- Yigendere ababaye.
- Hirya haturuke undi mwana w’umuhungu wambaye ikanzu yera ndende aze buhoro bahugiye mu kiganiro abatungure.
- Mu biganza no ku birenge bye hariho ibidomo by’umutuku (inkovu).
- Aze abagwe gitumo base n’abikanze ati: “amahoro abe muri mwe”.
- Abereke inkovu ababwire ati “muze mukoremo” bahite bishima cyane. Bashobora kugaragaza ibyishimo baririmba akaririmbo.

Umukoro wo mu rugo

Yesu ahembura ibyaremwe byose. Siga amababara mu bishushanyo bikurikira.



Icyumweru cya 2: 11 Mata 2010

Isomo: Gukosora umukoro batahanye ubushize

Mwarimu ateganye aho buri mwana amanika igishushanyo cya yasize amabara mu ishuri. Abana babyitegereze hanyuma barondore ibiri kuri iki gishushanyo. Urugero: Inkoko, imiswi, indabo n'ibindi.

Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.

Yesu yarazutse ni muzima **Mariko 16:9-14**

1. Yesu yazutse, ubu ari muzima.
2. Mbere yo gusubira mu ijuru yiyeretse abigishwa be kenshi.
3. Isezerano ryo guhabwa Umwuka Wera ari iry'abantu bose.
4. Kugira ngo bahamye Yesu bagomba kubanza bakihana ibyaha hanyuma bagahabwa imbaraga z'Umwuka Wera.

Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Mariko 16:6.

Icyumweru cya 3: 18 Mata 2010

Isomo: Uburyo bwiza bwo gusenga. **Matayo 6:5-13**

Intego: Gufasha abana kumenya ko:

1. Tudakwiye gusenga tugamiye ko abantu batureba kuko ibyo ari iby’indyarya
2. Gusenga ari ukuvuga amagambo akuvuye ku mutima.
3. Isengesho rya “Data wa twese” bakwiye kurimenya kuko ryategetswe n’Umwami wacu Yesu.

Incamake: Mu rwego rwo kwigisha abigishwa be gusenga, Yesu yababwiye ko bakwiye kwirinda gusenga bagamiye kwiyerekana kandi ko gusenga atari ukuvuga amagambo menshi bayasubiramo kuko ibyo atari byo bituma bumvirwa.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “Gusenga k’umukiranutsi kugira umumaro mwinshi iyo asenganye umwete.” **Yakobo 5:16**


Umukoro wo mu ishuri: Vuga ibintu 2 Yesu yabujije abigishwa be gukora mu gihe basenga.

Umukoro wo mu rugo:

- a. Gufata mu mutwe isengesho rya Data wa twese.
- b. Tahura muri iyi mbonerahamwe isengesho rya Data wa Twese

A	B	A	D	U	C	U	M	U	Y	E	H	O	1
T	I	J	U	R	U	4	3	2	W	1	0	9	N
U	2	3	4	5	6	D	A	T	A	7	A	8	T
B	5	6	7	8	I	9	0	W	M	1	H	M	U
A	M	8	7	S	6	5	4	E	I	3	U	2	D
B	U	R	I	Z	I	N	A	S	N	I	B	%	U
A	D	Y	@	%	J	&	@	E	A	F	W	\$	H
R	U	U	B	M	U	1	2	3	4	U	O	B	A
I	H	B	Y	5	R	Y	A	W	E	N	6	I	N
R	E	A	O	%	U	@	0	9	8	G	7	T	E
A	&	H	#	M	@	S	%	1	2	U	3	W	4
U	@	W	#	\$	%	&	H	5	O	R	R	O	I
D	B	E	N	K	U	K	O	A	N	O	I	S	B
U	Y	I	1	2	3	E	4	5	K	6	D	H	Y
K	A	4	K	6	N	7	8	I	U	A	U	Y	A
I	C	2	1	O	0	9	B	3	K	X	T	A	G
Z	U	3	N	4	R	5	6	2	O	Q	U	7	O
E	Q	X	0	9	8	W	7	1	K	X	N	8	5
X	Q	3	5	I	B	Y	A	H	A	Q	G	9	6
U	T	U	B	A	B	A	R	I	R	E	A	0	8

- c. Shyira amabara muri uru rwuri rw’intama hanyuma urondore ibirimo byose
- d. Itegereze neza igishushanyo gikurikira, bariya bashumba bari baragiye intama gihe ki? Hitamo muri ibi bisubizo bikurikira:
 - a. Ku manywa
 - b. Nijoro
 - c. Sobanura igisubizo wahisemo



Icyumweru cya 4: 25 Mata 2010

Isomo: Gukosora umukoro batahanye ubushize

- a. Mwarimu ategure aho abana bari bumanike ibyo basize, maze babiganireho batangarira ubwiza bw'ibyo Imana yaremeye abana basize. Hanyuma barebere hamwe uko buri mwana yasubije ibibazo yabajijwe kubyo yasizeasobanure n'icyatumye asubize ku manywa cyangwa nijoro.
- b. Abana bavuge isengesho rya Data wa Twese bavumbuye mu mbonerahamwe.

Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.

Uburyo bwiza bwo gusenga. **Matayo 6:5-13**

1. Tudakwiye gusenga tugamije ko abantu batureba kuko ibyo ari iby'indyarya
2. Gusenga ari ukuvuga amagambo akuvuye ku mutima.
3. Isengesho rya "Data wa twese" bakwiye kurimenya kuko ryategetswe n'Umwami wacu Yesu.

Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Yakobo 5:16

GICURASI 2010

Icyumweru cya 1: 2 Gicurasi 2010

Isomo: Yesu asubira mu ijuru. **Ibyakozwe 1:1-11**

Intego: Gufasha abana kumenya ko:

1. Mbere y'izamuka rye, Yesu yategetse abigishwa be guhamya ahantu hose.
2. Mbere yo gutangira umurimo w'Imana ari ngombwa guhabwa imbaraga z'Umwuka Wera.
3. N'ubwo Yesu yagiye ariko azagaruka.
4. Abana bagomba guhamya Yesu.

Incamate: Yesu amaze kuzuka yiyeretse abigishwa be kenshi, amarana na bo iminsi 40. Nuko abateraniriza hamwe ababwira kutava i Yerusalemu kugeza ubwo bazahabwa imbaraga z'Umwuka Wera basezeranijwe. Abatega ko nibamara kuwuhabwa bazamuhamya ahantu hose. Amaze kuvuga ibyo azamurwa bakimureba. Abamarayika bahagarara iruhande rwabo bababwira ko uko bamubonye agiye ari na ko azagaruka.

Umurongo wo gufata mu mutwe: "Icyakora muzahabwa imbaraga Umwuka Wera nabamanukira kandi muzaba abagabo bo kumpamya i Yerusalemu n'i Yudaya yose n'i Samariya no kugeza ku mpera y'isi." **Ibyakozwe 1:8**

Ibibazo ku isomo ryizwe: Soma **Ibyakozwe 1:1-11** hanyuma usubize ibibazo bikurikira:

1. Ni ryari Yesu yabonekeye abigishwa?
2. Ni iki Yesu yabwiraga abigishwa ko bagomba gutegereza?
3. Ni iki cyagombaga kubabaho bamaze kwakira iyo mpano bari bategereje?
4. Ni iki bashoboraga kuzakora nyuma?
5. Ni iki cyabaye kigaragara ku murongo wa 9?
6. Ni irihe sezerano riboneka ku murongo wa 11?

Umukoro wo mu rugo:


- a. Shaka amasezerano 2 Yesu yahaye itorero ngo riyubakeho. Ayo masezerano urayavumbura uko ugenda utondeka neza udutafari dukurikira kandi ugerageze kudasigamo amabara ukurikije uko dusa. **Ibyakozwe 1:4-11.**

a. Ibyo ahubwo nababwiye yasezeraniye Data ibyo Murindire

b. mu ijuru ubakuwemo azaza ajya ibyo nk' atyo uko

akazamurwa mubonye ijuru mu

b. Imana ishaka ko tunezererwa ibyo yaremye. Sigamo amabara



Icyumweru cya 2: 9 Gicurasi 2010

Isomo: Gukosora umukoro batahanye ubushize

- a. Buri mwana asome amasezerano yavumbuye (**Ibyakozwe 1:4-11**), bayaganireho bibaza niba nabo abareba, nyuma mu matsinda ya babibi babiri, abana basengerane basabirana imbaraga zo kuba abakristo bahamya ibyo bizeye.
- b. Mwarimu abe yateguye aho buri mwana ari bumanike igishushanyo cye yasizemo amabara abana banezererwe ubwiza bw'ibyo bakoze.

Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.

Yesu asubira mu ijuru. **Ibyakozwe 1:1-11**

1. Mbere y'izamuka rye, Yesu yategetse abigishwa be guhamya ahantu hose.
2. Mbere yo gutangira umurimo w'Imana ari ngombwa guhabwa imbaraga z'Umwuka Wera.
3. N'ubwo Yesu yagiye ariko azagaruka.
4. Abana bagomba guhamya Yesu.

Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Ibyakozwe 1:8

Icyumweru cya 3 : 16 Gicurasi 2010

Isomo: Abigishwa batoranya uzasimbura Yuda. **Ibyakozwe1:12-26.**

Intego: Gufasha abana kumenya ko:

1. Abigishwa batoraniraga hamwe bagasenga mbere yo kugira icyo bakora cyose.
2. Mu gutoranya uzasimbura Yuda barabanje barasenga.
3. Batoranije abagabo babiri nyuma yo gusenga, Imana ibereka uwo bahitamo.

Incamate: Yesu amaze kuzamuka, abigishwa be basubiyeye i Yerusalemu bajya mu cyumba bakomeza gusenga n'umutima uhuye. Hanyuma biyemeza gusimbuza Yuda wari waragambaniye Yesu hanyuma akimanika. Batoranya abagabo babiri: Yosefu Barisaba na Matiyasi. Barasenga Imana itoranyamo Matiyasi maze aba umwe mu ntumwa za Yesu.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “Kuko Uwiteka atareba nk’uko abantu bareba; abantu bareba ubwiza bugaragara ariko Uwiteka we areba mu mutima”. **1Samweli 16:7(b)**


Umukino wo mu ishuri: Ibyakozwe1:12-26

Izi nteruro ziravugaga uko bahisemo umwigishwa mushya usimbura Yuda wagambaniye Yesu. Soma interuro zikurikira maze ugende uzitondeka mu buryo bukwiye ukurikije uko ibikorwa byagiye bikorwa

- 1 Bajya hamwe bakomeza gusenga n'umutima uhuye.
- 2 Barurira bajya mu cyumba cyo hejuru.
- 3 Abigishwa basubira i Yerusalemu bavuye ku musozi wa Elayono.
- 4 Birakwiriye ko umwe aba umugabo hamwe natwe wo guhamya kuzuka kwe.
- 5 Ibyanditswe byari bikwiye gusohora. Ibyo Umwuka Wera yavugiye mu kanwa ka Dawidi.
- 6 Ubufindo bufata Matiyasi abaranwa n'intumwa 11.
- 7 Umubare w'abantu bose bari bahateraniye bari nka 120.
- 8 Maze barasenga bati “Mwami Mana umenya imitima y'abantu bose werekane uwo utoranije muri aba bombi.”

Umukoro wo mu rugo:

- a. Uzuza interuro zikurikira wifashishije amagambo ari mu bicu.
Hinyuza ibisubizo byawe wifashishije **Ibyakozwe1:14-21, 26** hanyuma uramenya icyo abigishwa bakoze n'uwo basimbuje Yuda



b. Interuro zo kuzuka:

Bajya hamwe bakomeza.....n'.....uhuye, abo bose hamwe n'.....
na Mariya nyina wana bene se.
Bikwiriye ko umwe.....ngo abe.....hamwe natwe wo guhamya kuzuka
k'.....Yesu.....ni.....

Icymweru cya 4: 23 Gicurasi 2010

Isomo: Gukosora umukoro batahanye ubushize

Gusoma amagambo ari mu ducu (**Ibyakozwe 1:14-21, 26**)

Buri mwana agende asoma interuro imwe imwe yujuje, mwarimu n'abandi bana batege amatwi kugira ngo iyo batujuje neza babone uko bayikosora.

Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.

Abigishwa batoranya uzasimbura Yuda. **Ibyakozwe 1:12-26.**

1. Abigishwa bateraniraga hamwe bagasenga mbere yo kugira icyo bakora cyose.
2. Mu gutoranya uzasimbura Yuda barabanje barasenga.
3. Batoranije abagabo babiri nyuma yo gusenga, Imana ibereka uwo bahitamo.

Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: 1Samweli 16:7(b)

Icymweru cya 5: 30 Gicurasi 2010

Isomo: Kuza k'Umwuka Wera. **Ibyakozwe 1:1-6; 2:1-4**

Intego: Gufasha abana kumenya ko:

1. Yesu yategetse intumwa kujya i Yerusalemu maze zikarindira icyo yari yarazisezeraniye: imbaraga z'Umwuka Wera.
2. Intumwa zubahirije amabwiriza ya Yesu yo kutava i Yerusalemu.
3. Umwuka Wera yaziye igihe Yesu yasezeraniye.

Incamake: Mbere y’uko Yesu asubira mu ijuru, yategetse abigishwa be kujya iYerusalemu maze bagategereza imbaraga zizababashisha gukora umurimo. Izo mbaraga ni Umwuka Wera bendaga guhabwa. Ku munsu wa Pentekote, nyuma y’iminsi 50 Yesu amaze kuzuka, abigishwa bari bateraniye hamwe, bahuje umutima iYerusalemu. Bari bamaze iminsi 10 basenga kandi bategereje, batungurwa n’umuriri w’Umwuka. Bamaze kuzura Umwuka Wera bavuze mu zindi ndimi.


Umurongo wa gufata mu mutwe: “Bose buzuzwa Umwuka Wera batangira kuvuga izindi ndimi nk’uko Umwuka yabahaye kuzivuga”. **Ibyakozwe 2: 4.**

Umukino w’agapira: Ibikoresho byo gutegurwa: Agapira n’ ikibuga.

Amabwiriza y’umukino:

- a. Gushyira abana ku ruziga no guha umwana umwe agapira umubwira aya magambo “Nitwa(izina ry’ugatanze), na we agahereze umukurikira amubwire ati nitwa....., na we agatange bikomeze gutyo bagenda bahana agapira bavuga uko bitwa.
- b. Bakiri ku ruziga bamaze kugahererekanya, noneho batangira kukanaga, buri mwana akakanagira undi amubwira ati witwa nde? Ukakiriye agasubiza ati nitwa, gutyo gutyo.
- c. Bakiri ku ruziga, umwana anagire agapira undi mwana avuga ati witwa(Yuzuzemo izina ry’uwo anagiye agapira). Uyu mukino uzarangira abana bamenyanye, bituma bagirana ubumwe bagakunda ishuri ry’icyumweru kuko bakunda gukina.

Umukoro wo mu rugo: Ibyo Imana yaremeye biratangaje! Sigamo amabara



KAMENA 2010 Isomo: Gusubiramo isomo ry’ubushize: Inzozo z’umwami wa Misiri

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa ko :

Imana itiyibagirwa kandi irinda isezerano ryayo

Igihe ukoze icyaha ukwiriye kucyihana

Incamate

Yosefu akiri muri gereza Imana iteza inzozo Umwami wa Misiri yarose inzozo zamuteye ubwoba kandi nta muntu n’umwe w’ibwami washoboye kuzisobanura. Mu ijoro rimwe Umwami yari yarose inshuro ebyiri. Ubwa mbere yari yarose abona inka ndwi zibyibushye ziva mu ruzi rwa Nili maze zimirwa n’izindi ndwi zinanutse zaje zizikurikiye. Ubwa kabiri, arongera abona amahundo arindwi abyibushye amera ku gikenyeri kimwe maze hamera andi arindwi ananutse nayo amira ya yayandi abyibushye. Wa mutware w’abahereza divayi yibuka ko yahemutse kuko yari yaribagiwe Yosefu. Abwira Umwami ko Yosefu yabarotoreye inzozo igihe bari muri gereza kandi bikagenda nk’uko yari yabibabwiye.

Umurongo wo gufata mu mutwe: „Gukiranuka k’umuntu uboneye kuzamutunyiriza inzira,
ariko umunyabyaha azagushwa n’ibyaha bye.“ (Imigani 11:5)

Umukoro wo mu ishuri

Gutanga ubuhamya w’ibyabaye bamaze gushimira ababagiriye neza no gusaba imbabazi abo bahemukiye

Isomo: Gusubiramo isomo ry’ubushize: Inzosi z’umwami wa Misiri

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa ko :

Imana itiyibagirwa kandi irinda isezerano ryayo

Igihe ukoze icyaha ukwiriye kucyihana

Incamate

Yosefu akiri muri gereza Imana iteza inzosi Umwami wa Misiri yarose inzosi zamuteye ubwoba kandi nta muntu n’umwe w’ibwami washoboye kuzisobanura. Mu ijoro rimwe Umwami yari yarose inshuro ebyiri. Ubwa mbere yari yarose abona inka ndwi zibyibushye ziva mu ruzi rwa Nili maze zimirwa n’izindi ndwi zinanutse zaje zizikurikiye. Ubwa kabiri, arongeraga abona amahundo arindwi abyibushye amera ku gikenyeri kimwe maze hamera andi arindwi ananutse nayo amira ya yayandi abyibushye. Wa mutware w’abahereza divayi yibuka ko yahemutse kuko yari yaribagiwe Yosefu. Abwira Umwami ko Yosefu yabarotoreye inzosi igihe bari muri gereza kandi bikagenda nk’uko yari yabibabwiye.

Umurongo wo gufata mu mutwe: „Gukiranuka k’umuntu uboneye kuzamutunyiriza inzira,
ariko umunyabyaha azagushwa n’ibyaha bye.“ (Imigani 11:5)

Umukoro wo mu ishuri

Gutanga ubuhamya w’ibyabaye bamaze gushimira ababagiriye neza no gusaba imbabazi abo bahemukiye

Isomo: Gusubiramo isomo ry’ubushize: Inzosi z’umwami wa Misiri

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa ko :

Imana itiyibagirwa kandi irinda isezerano ryayo

Igihe ukoze icyaha ukwiriye kucyihana

Incamate

Yosefu akiri muri gereza Imana iteza inzosi Umwami wa Misiri yarose inzosi zamuteye ubwoba kandi nta muntu n’umwe w’ibwami washoboye kuzisobanura. Mu ijoro rimwe Umwami yari yarose inshuro ebyiri. Ubwa mbere yari yarose abona inka ndwi zibyibushye ziva mu ruzi rwa Nili maze zimirwa n’izindi ndwi zinanutse zaje zizikurikiye. Ubwa kabiri, arongeraga abona amahundo arindwi abyibushye amera ku gikenyeri kimwe maze hamera andi arindwi ananutse nayo amira ya yayandi abyibushye. Wa mutware w’abahereza divayi yibuka ko yahemutse kuko yari yaribagiwe Yosefu. Abwira Umwami ko Yosefu yabarotoreye inzosi igihe bari muri gereza kandi bikagenda nk’uko yari yabibabwiye.

Umurongo wo gufata mu mutwe: „Gukiranuka k’umuntu uboneye kuzamutunyiriza inzira,
ariko umunyabyaha azagushwa n’ibyaha bye.“ (Imigani 11:5)

Umukoro wo mu ishuri

Gutanga ubuhamya w'ibyabaye bamaze gushimira ababagiriye neza no gusaba imbabazi abo bahemukiye

Isomo: Gusubiramo isomo ry'ubushize: Inzozo z'umwami wa Misiri

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa ko :

Imana itiyibagirwa kandi irinda isezerano ryayo

Igihe ukoze icyaha ukwiriye kucyihana

Incamate

Yosefu akiri muri gereza Imana iteza inzozo Umwami wa Misiri yarose inzozo zamuteye ubwoba kandi nta muntu n'umwe w'ibwami washoboye kuzisobanura. Mu ijoro rimwe Umwami yari yarose inshuro ebyiri. Ubwa mbere yari yarose abona inka ndwi zibyibushye ziva mu ruzi rwa Nili maze zimirwa n'izindi ndwi zinanutse zaje zizikurikiye. Ubwa kabiri, arongera abona amahundo arindwi abyibushye amera ku gikenyeri kimwe maze hamera andi arindwi ananutse nayo amira ya yayandi abyibushye. Wa mutware w'abahereza divayi yibuka ko yahemutse kuko yari yaribagiwe Yosefu. Abwira Umwami ko Yosefu yabarotoreye inzozo igihe bari muri gereza kandi bikagenda nk'uko yari yabibabwiye.

Umurongo wo gufata mu mutwe: „Gukiranuka k'umuntu uboneye kuzamutunyiriza inzira, ariko umunyabyaha azagushwa n'ibyaha bye.“ (Imigani 11:5)

Umukoro wo mu ishuri

Gutanga ubuhamya w'ibyabaye bamaze gushimira ababagiriye neza no gusaba imbabazi abo bahemukiye

Icyumweru cya 1: 6 Kamena 2010

Isomo: Gukosora umukoro batahanye ubushize

Abana barekane uko basize ibishushanyo byabo hanyuma barondore amazina y'ibishushanije mu byo basize. Kwibukiranya n'abana ko ibyo Imana yamaraga kurema byose yasangaga ari byiza cyane. Abana nabo bakwiye gutangarira ubwiza bw'ibyo Imana yaremye buri muni. Kurondora amazina y'ibyo Imana yaremye.

Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.

Kuza k'Umwuka Wera. **Ibyakozwe 1:1-6; 2:1-4**

1. Yesu yategetse intumwa kujya i Yerusalemu maze zikarindira icyo yari yarazisezeraniye: imbaraga z'Umwuka Wera.
2. Intumwa zubahirije amabwiriza ya Yesu yo kutava i Yerusalemu.
3. Umwuka Wera yaziye igihe Yesu yasezeraniye.

Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Ibyakozwe 2: 4.

Icyumweru cya 2: 13 Kamena 2010

Isomo: Ibimenyetso byo kuzura Umwuka Wera. **Ibyakozwe 2:5-13**

Intego: Gufasha abana kumenya ko:

1. Intumwa zimaze guhabwa Umwuka Wera zujujwe imbaraga.
2. Kuvuga mu zindi ndimi cyabaye kimwe mu bimenyetso byo kuza k'Umwuka Wera.
3. Buri wese mu bantu bo mu bihugu birenze 15 yumvise ubutumwa bwiza mu rurimi rw'iwabo.


Incamake:

I Yerusalemu aho abigishwa bari bateraniye, hari abantu benshi baje mu minsi mikuru yo kwizihiza Pentekoti y'Abayuda. Pentekoti wari umunsi bizihizaga isezerano bagiranye n'Imana mu gihe yabakuraga muri Egiputa. Uwo munsi mukuru wizihizwaga hashize iminsi mirongo itanu nyuma ya Pasika y'Abayahudi. Mu gihe bari bateranijwe no kwizihiza Pentekoti y'abayahudi isanzwe, nibwo Umwuka Wera yamanukiye intumwa. Abari bateraniye aho, bumvise abigishwa bavuga mu zindi ndimi, baratangara, abandi barabanegura kuko batasobanukiwe ibyababayeho.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “Uwo muriri ubaye, abantu benshi baraterana, batangazwa n'uko umuntu wese yumvise ba bandi bavuga ururimi rw'iwabo”. **Ibyakozwe 2: 6**


Umukino:

1. Vuga mu magambo yawe isomo ukuye mu byabaye kuri uriya munsi wa Pantekoti.
2. Huza buri kambi n'inyuguti maze wandike igisubizo



Umukoro wo mu rugo

Yesu yasezeraniye abigishwa be ko azohereza umufasha ari we Mwuka Wera. Soma interuro hanyuma utoranye amagambo mu dukarito yo kuzuzamo, kugira ngo ufindure uko isezerano ryasohojwe.



Abanyamahanga

Birabayobera

Barumirwa

Ibirimi

Izindi

Ururimi

1. Umunsi wa abigishwa bari hamwe mu mwanya umwe.
2. uvuye mu ijuru uhinda umeze nk' uhuha.
3. Umuyaga inzu yose.
4. Babonye ibintu bisa n' by'umuriro ugurumana.
5. rujya kuri buri muntu wese.
6. Bose buzuzwa
7. Bose batangira kuvuga
8. benshi baraterana, igihe bumvaga urusaku,
9. igihe bumvaga bavuga indimi z'iwabo
kuko abigishwa bose bakomokaga i Galilaya.
10. batangira kubazanya icyo bishatse kuvuga,
11. Ariko abandi abigishwa ngo basinze

Icyumweru cya 3 : 20 Kamena 2010

Isomo: Gukosora umukoro batahanye ubushize

Buri mwana arasoma interuro imwe imwe uko yayujuje. Abana na mwarimu bakurikire kugirango babone uko baza gukosora iyo basanga itujuje neza. Abana baganira ku Mwuka Wera nk'imbaraga zidushoboza

Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.

Ibimenyetso byo kuzura Umwuka Wera. **Ibyakozwe 2:5-13**

1. Intumwa zimaze guhabwa Umwuka Wera zujijwe imbaraga.
2. Kuvuga mu zindi ndimi cyabaye kimwe mu bimenyetso byo kuza k'Umwuka Wera.
3. Buri wese mu bantu bo mu bihugu birenze 15 yumvise ubutumwa bwiza mu rurimi rw'iwabo

Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Ibyakozwe 2: 6

Icyumweru cya 4: 27 Kamena 2010

Isomo: Guhamya kwa Petero. **Ibyakozwe 2: 29-40**

Umukino ugaragaza uko umuntu utarahabwa Umwuka Wera ahuzagurika nk'impumyi

Ibikoresho: Udutambaro tubiri two gupfuka abana mu maso

Amabwiriza y’umukino:

- Abana 2 bapfutse igitambaro mu maso n’abandi 2 bareba neza.
- Mwarimu ashyire imitego mu nzira abana bari bunyuremo bajya gushaka umupira wo kwambara yashyize aho ari bubabwire.
- Abwire abakinnyi kujya gushaka umupira.

Intego y’uyu mukino:

1. Kugaragaza ko guhuzagurika kwa Petero kwashushanywa n’ubuhumyi.
2. Kwigisha abana yuko umuntu utarahabwa Umwuka Wera abaho nk’impumyi, agakurikira Yesu ahuzagurika
3. Ubushizi bw’amanga bwa Petero amaze guhabwa Umwuka Wera (Umuntu ureba neza).

Intego: Gufasha abana kumenya ko:

1. Petero yuzuye imbaraga yasobanuriye abayuda n’abanyamahanga bari bateraniye aho ibyabaye kuri Yesu nkuko byari byarahanuwe.
2. Amagambo Petero yabwiye abari aho yabakoze ku mutima bafata icyemezo.
3. Uwo muni abantu nk’ibihumbi bitatu bakijijwe kubera inyigisho z’intumwa zuzuye imbaraga z’Umwuka Wera.

Incamake: Petero amaze kuzura Umwuka Wera, yahawe imbaraga atangira guhamya Yesu ashize amanga. Yibukije abantu yuko kuvuka kwe kwari kwarahanuwe. Abantu bari aho, yababwirije ubutumwa bubibutsa urupfu rwa Yesu n’umugambi we wo gukiza abantu. Abahamagarira kwihana, kumwizera no kubatizwa. Abasaga ibihumbi bitatu barihana bakira Umwami Yesu mu mitima yabo.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “Hanyuma y’ibyo nzasuka Umwuka wanjye ku bantu bose, abahungu banyu n’abakobwa banyu bazahanura, abakambwe banyu bazarota n’abasore banyu bazerekwa.” **Yoweli 3: 1**


Umukoro wo mu ishuri:

Gusoma inkuru yo mu **Ibyak. 2: 1-5**

1. Vuga ibintu 2 byaranze abagishwa aho bari bari (Umurongo wa 1).
 2. Byagenze bite ngo buzure Umwuka Wera (Umurongo wa 2-4)?
- Vuga mu magambo ahinnye uko byagendekeye abari hanze.

Umukoro wo mu rugo:

- a. Huza iyi mibare uhereye kuri 1 hanyuma uvuge igishushanyo uvumbuyemo, ugisige amabara



b. Soma Ibyak. 2: 14-40

NYAKANGA 2010

Icyumweru cya 1: 4 Nyakanga 2010

Isomo: Gukosora umukoro batahanye ubushize

- a. Gusoma **Ibyak. 2: 14-40** no gukosora ibibazo abana batahanye
 1. Ni uwuhe mwigishwa wasobanuriye abantu ibyabaye?
 2. Kuki yavuze ko batasinze?
 3. Ni nde wari warabihanuye?

4. Ni iki Dawidi yari yaravuze kuri Yesu muri iki gice?
 5. Ese abantu bakiriye bate ubutumwa bwa Petero?
 6. Petero yabasubije iki?
 7. Yababwiye iki bagomba kubona?
 8. Ni bande bafite iri sezerano?
- b. Mwarimu abe yateguye aho abana bamanika igishushanyo buri mwana yavumbuye gisizemo amabara.

Kwibukiranya ibintu by’ingenzi abana bize mu isomo ry’ubushize.

Guhanya kwa Petero. **Ibyakozwe 2: 29-40**

1. Petero yuzuye imbaraga yasobanuriye abayuda n’abanyamahanga bari bateraniye aho ibyabaye kuri Yesu nkuko byari byarahanuwe.
2. Amagambo Petero yabwiye abari aho yabakoze ku mutima bafata icyemezo.
3. Uwo munsu abantu nk’ibihumbi bitatu bakijijwe kubera inyigisho z’intumwa zuzuye imbaraga z’Umwuka Wera.

Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Yoweli 3: 1

Icyumweru cya 2: 11 Nyakanga 2010

Isomo: Inyigisho ya Petero. **Ibyakozwe 10: 1-8**

Intego: Gufasha abana kumenya ko:

1. Umunyamahanga Koruneliyo yubahaga Imana iramwiyereka.
2. Marayika yaje kumuhamiriza ko yemewe kandi ko gusenga kwe kumviswe.
3. Imana yamubwiye gutumiza Simoni Petero ngo amusengere.

Incamake: Koruneliyo yari umunyamahanga wubahaga Imana maze iramwiyereka. Imana yamutumyeho Marayika aza kumubwira ko gusenga kwe kumviswe. Kandi Marayika yamubwiye ko atumiza Simoni Petero wari i Yopa, na we arumvira arabikora.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “Aramusubiza ati: Gusenga kwawe n’ubuntu bwawe byazamukiye kuba urwibutso imbere y’Imana” . **Ibyak 10: 4**

Umukoro wo mu rugo:

- a. Gusenga no gusoma ijambo ry’Imana ni intwari ikomeye ituma tunesha ibyaha. Fata akanya wihererane n’Imana usenge kandi usome ijambo ryayo.



- a. Vumbura aho aya magambo yanditse muri iyi mbonerahamwe hanyuma ukore interuro ivuga kuri Koruneliyo: Umunyamahanga- Gusenga- Yubahaga- Kwe- Koruneliyo- kuko- kwarumviswe- Imana

Q	W	E	R	T	E	T	Y	A	U	I	O	P	A	S	F
P	O	J	Q	O	Q	S	G	C	T	E	E	E	X	C	R
Y	K	H	S	I	A	A	W	S	G	E	D	R	C	C	E
G	L	G	C	U	H	D	S	D	F	E	C	T	G	V	E
U	K	R	V	A	C	F	F	F	S	E	V	Y	F	W	R
S	M	E	B	Y	W	G	G	T	W	R	D	K	S	D	F
E	Q	U	J	T	S	J	H	K	R	Y	S	I	D	W	D
N	Y	L	N	R	D	K	J	J	A	H	V	J	W	E	V
G	F	P	O	Y	V	L	K	N	Y	M	W	H	Q	D	B
A	C	L	P	W	A	P	A	M	U	G	D	G	Q	U	N
K	X	K	L	W	U	M	L	R	H	E	E	S	R	Y	M
W	O	J	J	E	I	O	A	O	I	Q	W	D	D	Y	E
E	F	R	N	R	G	W	Y	H	O	W	D	F	E	T	F
O	D	R	U	T	K	R	T	H	A	E	A	E	W	R	D
R	S	W	B	N	V	U	R	G	T	N	S	Y	D	E	S
T	D	E	F	Y	E	W	K	F	R	T	G	T	C	Q	W
Y	F	R	H	U	V	L	E	O	E	T	D	A	W	W	E
U	G	Y	Y	J	J	Q	I	S	W	G	F	R	E	E	R
I	H	J	G	F	D	S	A	Y	G	T	Y	R	E	W	T
O	L	K	M	Y	U	T	D	F	O	D	F	D	G	M	Y

Icyumweru cya 3: 18 Nyakanga 2010

Isomo: Gukosora umukoro batahanye ubushize

Mwarimu azenguruke ishuri areba uko abana bavumbuye amagambo mu mbonerahamwe n'interuro bakoze. Asabe umwana ayivuge. Abana babiri babiri berekane imbonerahamwe. Hanyuma bahane ibyufuzo basengerane .

Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.

Inyigisho ya Petero. Ibyakozwe **10: 1-8**

1. Umunyamahanga Koruneliyo yubahaga Imana iramwiyereka.
2. Marayika yaje kumuhamiriza ko yemewe kandi ko gusenga kwe kumviswe.
3. Imana yamubwiye gutumiza Simoni Petero ngo amusengere.

Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Ibyak 10: 4

Icyumweru cya 4: 25 Nyakanga 2010

Isomo: Guhimbaza Imana. **Zaburi ya 92**

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa ko:


1. Imana ifite umugambi ku buzima bwa buri wese.
2. Dukwiye kuyiramy, kuyihimbaza no kuyishimira imirimo ikomeye yakoze.
3. Dukwiye kurangurura tukaririmba icyubahiro cy'Imana.

Incamate: Iyi Zaburi igaragaza icyubahiro n'ishimwe bikwiye Imana. Imirimo Uwiteka yakoze iratangaje kandi ubwenge bwo mu ijuru ni bwo bubiduhishurira. Umukiranutsi ararindwa kugira ngo akomeze kuvuga ishimwe n'imirimo myiza Imana yakoze.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “Ni byiza gushima Uwiteka no kuririmbira izina ryawe ishimwe, Usumbabyose”. **Zaburi 92:1**

Umukoro wo mu rugo:

- a. Uzuza uyu mukino ukoresheje amagambo dusanga muri **Zaburi 92: 5 b**



- b. Siga amabara mu gishushanyo gikurikira



KANAMA 2010

Icyumweru cya 1: 1 Kanama 2010

Isomo: Gukosora umukoro batahanye ubushize

Mu matsinda ya bane bane, abana berekane uko bujuje imbonerahamwe zabo, ubundi bakosorane. Mwarimu azenguruke mu matsinda akosora.

Muri ayo matsinda, berekane ibishushanyo basizemo amabara. Batangane ibyifuzo basengerane.

Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.

Guhimbaza Imana. **Zaburi ya 92**

1. Imana ifite umugambi ku buzima bwa buri wese.

2. Dukwiye kuyiramy, kuyihimbaza no kuyishimira imirimo ikomeye yakoze.
3. Dukwiye kurangurura tukaririmba icyubahiro cy'Imana.

Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Zaburi 92:1

Icyumweru cya 2: 8 Kanama 2010

Isomo: Yosua umuyobozi w'Abisirayeli. **Yosuwa 1: 1-18**

Intego: Gufasha abana kumenya ko:

1. Abisirayeli biteguye kwinjira mu gihugu cy'isezerano.
2. Yosua yatoranijwe kuba umuyobozi w'ubwoko bw'Imana.
3. Yosua yashoboye kuyobora ubwoko bw'Imana n'ubwo harimo ingorane nyinshi.
4. Imana yamutegetse gukomeza umurimo Mose yari yaratangiye no kubaha amategeko yamuhaye.

Incamake: Nyuma ya Mose, Yosua yabaye umuyobozi mushya atoranyijwe n'Imana. Yamutegetse kutibagirwa amategeko yahaye Mose, imusaba kuyubaha, kuyatekerezaho, gusoma igitabo cy'ayo mategeko kumanywa na nijoro no kuyahamisha akanwa ke; kuko ari bwo azahirwa mu nzira ze zose, akabashishwa byose. Yosua yubashye Imana anubahiriza amabwiriza yamuhaye yo guha imigabane Abisirayeli mu gihugu cy'isezerano. Na bo bemera kutazajya bamusuzugura.


Umurongo wo gufata mu mutwe: “Nta muntu n'umwe warinda kuguhagarara imbere iminsi yose yo kubaho kwawe. Nkuko nabanaga na Mose niko nzabana nawe, sinzagusiga kandi sinzaguhana” **Yosuwa 1:5.**

Ibibazo ku isomo:

1. Vuga izina ry'uwasimbuye Mose
2. Se wa Yosua yitwaga nde?
3. Ni uwuhe mugezi Abisiraheli bambutse bajya mu gihugu Uwiteka yabasezeranije?
4. Ni ibihe bintu bibiri by'ingenzi byagombaga kuranga Yosua?
5. Kuki atagombaga kugira ubwoba cyangwa gucika intege?
6. Ni ubuhe butumwa Yosua yahaye abantu ubunyujije ku bakuru b'imiryango?
7. Ni bande Yosua yavuze ko bazabanza gufashwa n'imiryango yabo?
8. Bakiriye bate ubwo butumwa?
9. Byari kugendekera bite umuntu wanze kumvira Yosua?

Umukoro wo mu rugo:

Itegereze neza izi ndogobe hanyuma uvuge uko byazigendekeye mu magambo ahinnye.



Icyumweru cya 3: 15 Kanama 2010

Isomo: Gukosora umukoro batahanye ubushize

Gusaba abana nka babiri bakabwira abandi inkuru ya ziriya ndogobe. Abana barakurikira hanyuma babaze ibibazo niba hari ibyo badasobanukiwe. Mwarimu aganire n'abana ibyiza byo kugirana ubumwe no kumvikana.

Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.

Yosuwa umuyobozi w'Abisirayeli. **Yosuwa 1: 1-18**

1. Abisirayeli biteguye kwinjira mu gihugu cy'isezerano.
2. Yosuwa yatoranijwe kuba umuyobozi w'ubwoko bw'Imana.
3. Yosuwa yashoboye kuyobora ubwoko bw'Imana n'ubwo harimo ingorane nyinshi.
4. Imana yamutegetse gukomeza umurimo Mose yari yaratangiye no kubaha amategeko yamuhaye.

Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Yosuwa 1:5.

Icyumweru cya 4: 22 Kanama 2010

Isomo: Yosua umuyobozi w'Abisirayeli. **Yosuwa 2: 1-7**

Intego: Gufasha abana gusobanukirwa ko:

1. Kwemera gukurikira Uwiteka habamo kwiyezeza kudasubira inyuma
2. Guhanga amaso ku byo Uwiteka yaduteguriye mu gihe kizaza
3. Kwizera Uwiteka ko ibyo yavuze ari ukuri.

Incamake: Yosua yitegura ko abantu bazambuka Yorodani, yohereje abatasi babiri gutata icyo gihugu Uwiteka yari yarababwiye guhindura. Abo batasi bagombaga kwitegereza Yeriko kuko wari umujyi wubatse neza kandi urinzwe. Kuva kuri Yorodani ujya i Yeriko ni hafi km 8. Bahingukiye kwa Malaya Rahabu ari nawe wabahishe, umwami w'i Yeriko yohereje abantu kubafata ntiyababona.

Umurongo wo gufata mu mutwe: 'Kwizera niko kwatumye Malaya uwo, Rahabu atarimbura n'abatamviye Imana kuko yakiranye abatasi amahoro'. **Abaheburayo 11:31**

Umukoro wo mu ishuri:

1. Ese abatasi bahingukiye kwa nde?
2. Yari muntu ki?
3. Yabahishe he?
4. Ese Umwami w'i Yeriko yamenye ko mu gihugu cyeho abantu badasanzwe?

Umukoro wo mu rugo:


a. Gusoma **Yosuwa 2: 8-14**

1. Kuva ku murongo wa 8-11, vuga ibintu 4 Rahabu yahamije ku Uwiteka
2. Ni irihe sezerano abatasi bagiranye na Rahabu mbere y'uho bagenda?
3. Vuga mu magambo make ineza Rahabu yagiriye bariya batasi n'icyo bazamwitura

b. Shaka amagambo akurikira muri iyi mbonerahamwe: Abatasi, kuri, Rahabu, banyura, gisenge, mu, idirishya, basubira, abahisha, mu, basubira, Yosua. Kora interuro muri aya magambo.

A	Q	W	E	R	T	Y	U	I	O	P	P	L	K	J	H	G	A
2	B	R	R	R	T	G	H	J	B	Q	W	W	E	R	T	R	H
W	A	A	E	R	J	K	U	R	I	E	W	Q	F	N	I	E	G
E	N	Q	T	G	H	N	B	H	Y	R	6	M	H	B	D	F	F
D	Y	S	V	A	S	D	F	C	Z	A	T	S	U	D	G	G	D
C	U	B	A	M	S	S	B	N	B	R	R	S	D	G	H	J	S
V	R	B	W	B	P	I	O	A	S	A	A	G	H	J	K	H	A
G	A	N	E	R	A	O	Y	D	F	B	H	H	U	8	J	0	A
H	W	H	F	D	F	H	U	O	S	E	G	H	A	O	I	9	Z
J	W	Y	G	H	S	I	I	P	S	A	B	F	K	B	I	U	X
I	E	T	E	I	4	5	Y	S	K	U	N	S	T	4	U	Y	B
U	R	T	R	T	S	A	S	D	H	Z	W	A	3	M	G	H	N
Y	G	I	D	D	G	E	3	4	5	A	Z	A	Q	W	E	R	B
T	D	1	3	T	Y	U	N	R	R	T	U	J	B	E	Q	W	R
I	T	U	D	F	G	H	J	G	7	8	9	U	Y	R	R	E	F
E	Y	T	7	Y	U	J	H	G	E	R	W	Q	W	S	D	F	R

b.Fasha abatasi kubona inzira bazanyuramo basubira kuri Yosua.



Icyumweru cya 5: 29 Kanama 2010

Isomo: Gukosora umukoro batahanye ubushize

Mu matsinda ya bane bane, abana bararebera hamwe ibintu bine basubije Rahabu yahamijik'Uwiteka bifashishije Yosua 2: 8-14. Barareba ibyo basubije ku isezerano Rahabu yagiranye n'abatasi n'icyo bazamwitura nibafata igihugu

Bakiri mu matsinda, barerekana imbonerahamwe n'aho bavumbuye aya magambo : Abatasi, kuri, Rahabu, banyura, gisenge, mu, idirishya, basubira, abahisha, mu, basubira, Yosua. Yanditse, berekane n'interuro bakoze. Nyuma barabe niba barabonye inzira abatasi banyuzemo basubira kuri Yosua

Mwarimu arezenguruka mu matsinda yose afasha abana areba uko babisubije, akosora.

Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.

Yosua umuyobozi w'Abisirayeli. **Yosua 2: 1-7**

1. wemera gukurikira Uwiteka habamo kwiyezeza kudasubira inyuma
2. Guhanga amaso ku byo Uwiteka yaduteguriye mu gihe kizaza
3. Kwizera Uwiteka ko ibyo yavuze ari ukuri.

Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Abaheburayo 11:31

NZELI 2010

Icyumweru cya 1: 5 Nzeli 2010

Isomo: Yosua umuyobozi w'Abisirayeli **Yosua 2: 15-24**

Intego: Gusobanurira abana ko:

1. Imana yakoresheje Rahabu acikisha abatasi basubira kuri Yosua.
2. Imana yerekanye ko iri kumwe n'abo Yosua yohereje nk'uko yamusezeraniye.
3. Uwiteka yabaciriye inzira.

Incamake: Nyuma yo guhisha abatasi, Rahabu yayobeje ababahigaga bari bohorejwe n'umwami w'i Yeriko. Yabanyujije mu idirishya. Bamusezeraniye ko batazamurimbura we n'umuryango we, umunsi Uwiteka yabahe icyo gihugu. Abatasi bamaze iminsi itatu mu ishyamba kugira ngo badahura n'ingabo zabahigaga. Nyuma basubira kuri Yosua bamuhamiriza ko ibyo Uwiteka yabakoreye byerekana ko yamaze kubaha i Yeriko.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “Mube maso, mukomerere mu byo mwizeye mube abagabo nyabagabo mwikomeze”. **I Abakorinto 16: 13.**

Umukoro wo mu ishuri:

1. Abatasi basohojwe bate ibyo bemereye Rahabu?
Soma **Yosua 6: 22-23** maze usubize icyo kibazo.

Umukoro wo mu rugo

- a. Kurikiranya neza utu dupapuro ukuremo interuro 2.

AHISHA	WA	KURI	ISIRAYELI	BANYURA	MU	MU
YOSUWA	YASHIZE	UWITEKA	MU	MURYANGO		
BASUBIRA	ABATASI	YUBASHYE	GISENGE	MALAYA		
IDIRISHYA	UBWOBA	IMANA	ABARIRWA	RAHABU		

b. Huza imibara uhereye kuri 1 hanyuma ushyiremo amabara



Icyumweru cya 2: 12 Nzeli 2010

Isomo: Gukosora umukoro batahanye ubushize

Abana barasoma interuro 2 batahuye, hanyuma mwarimu abe yateguye aho buri mwana amanka igishushanyo yavumbuye kandi yasize amabara

Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.

Yosuwa umuyobozi w'Abisirayeli **Yosuwa 2: 15-24**

1. Imana yakoresheje Rahabu acikisha abatasi basubira kuri Yosuwa.
2. Imana yerekanye ko iri kumwe n'abo Yosuwa yohereje nk'uko yamusezeranije.
3. Uwiteka yabaciriye inzira.

Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: I Abakorinto 16: 13.

Icyumweru cya 3: 19 Nzeli 2010

Isomo: Yosiya: Umwami wategutse akiri umwana. **2 Ingoma 34:1-13**

Intego: Gufasha abana kumenya ko:

1. Ingeso mbi z'ababyeyi umwana atagomba kuzikurikiza.
2. Umwana akwiye guhitamo imirimo myiza inezeza Uwiteka akaba ari yo akora.
3. Iyo uri umwana wubaha Imana, ikuyobora mu byo ukora.
4. Abana na bo Imana ibashaka mu murimo wayo.

Incamake:

Yosiya yimye ingoma i Buyuda amaze imyaka umunani avutse. N'ubwo se witwaga Amoni (uwo yasimbuye) yakoraga ibyaha byinshi, Yosiya we yubahaga Uwiteka agakora ibishimwa na we. Yatangiye gutegeka mu gihe Abisirayeli bari barasubiye inyuma basigaye basenga ibigirwamana ndetse bari barubatswe n'ingoro babisengeramo. Atangira gutunganya igihugu: asenya ingoro n'ibicaniro by'ibigirwamana; arabimenagura maze asana urusengeru rw'Uwiteka.

Umurongo wo gufata mu mutwe: "Kubaha Uwiteka ni ko kwigisha ubwenge, kandi kwicisha bugufi kubanziriza icyubahiro". **Imigani 15:33**


Ibibazo ku isomo ryizwe:

1. Se wa Yosiya yitwaga nde?
2. Yosiya yimye ingoma amaze igihe kingana iki avutse?
3. Yakurikije nde mu migendere ye?
4. Akigera ku ngoma, Umwami Yosiya yakoze iki?
5. Vuga ibikorwa bitatu yakoze ngo atunganye igihugu.


Umukoro wo mu rugo

- a. Curukura amagambo wifashishije igice cyizweho, uvumbure amazina y'abafashije Yosiya gusana inzu y'Uwiteka maze uyandike muri utwo dushushanyo.

1. ISAFAHN
2. AYSAME
3. OWYA
4. HIAYTA
5. ADOYIBA
6. KERAYIZA
7. LUMASHUME



b. Siga amabara mu gishushanyo gikurikira



Icyumweru cya 4: 26 Nzeli 2010

Isomo: Gukosora umukoro batahanye ubushize

Mu matsinda ya bane bane, abana berekane uko bacurukuye ariya mazina, hanyuma berekane n'ukuntu basize kiriya gishushanyo mo amabara. Mwarimu arazenguruka ishuri areba uko babikoze akosora. Nibarangiza, buri mwana abwire bagenzi be umurimo akunda mu rusengero yumva yakora anezerewe.

Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.

Yosiya: Umwami wategetse akiri umwana. **2 Ingoma 34:1-13**

1. Ingeso mbi z'ababyeyi umwana atagomba kuzikurikiza.
2. Umwana akwiye guhitamo imirimo myiza inezeza Uwiteka akaba ari yo akora.
3. Iyo uri umwana wubaha Imana, ikuyobora mu byo ukora.
4. Abana na bo Imana ibashaka mu murimo wayo.

Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Imigani 15:33

UKWAKIRA 2010

Icyumweru cya 1: 3 Ukwakira 2010

Isomo: Yosiya: Umwami wategetse neza akiri umwana. **2 Ngoma 34:14-28**

Intego: Gufasha abana kumenya ko:

1. Bibiliya ari yo itumenyesha amategeko y'Imana.
2. Kutihana ibyaha bituma Uwiteka aturakarira.
3. Umuntu wese ahanirwa icyaha cye kuko Imana idahishwa.

Incamake: Mu murimo wo gusana urusengero, baje kuvumbura igitabo cy'amategeko Abisirayeli bagombaga gukurikiza, bakizanya umwami Yosiya. Abohereza gusobanura Uwiteka ibyacyo. Uwiteka abasubiza ko agiye guhana Abisirayeli kubera kumwimura, bakimika ibigirwamana. Ariko asezeranya Yosiya ko atazagerwaho n'ibyago bizagera ku bandi kubera kwicisha bugufi no kwihana kwe.


Umurongo wo gufata mu mutwe: “Nuko rero twegere intebe y'ubuntu tudatinya, kugira ngo tubabarirwe, tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye.” **Abaheburayo 4:16**

Umukoro wo mu rugo:

- a. Vumbura amagambo 6 ari buvemo interuro 2 zirimo bimwe mu byaranze umwami wategetse ari umwana yubaha Imana.

Y	A	S	H	E	N	Y	E	O	I	F	G
A	U	B	C	D	E	F	O	H	H	I	O
W	K	B	Z	Q	N	E	L	S	X	Z	D
E	J	O	A	W	L	D	K	F	I	C	D
I	H	P	L	H	X	C	J	K	N	Y	C
R	M	J	K	S	A	T	H	J	G	E	A
T	Y	A	D	D	Z	G	F	O	O	G	W
N	M	G	N	G	T	R	A	P	R	R	C
F	Q	S	T	A	C	B	H	I	O	T	V
I	B	I	G	I	R	W	A	M	A	N	A

b. Huza imibare uhereye kuri 1 uvuge icyo uvumbuye hanyuma usigemo amabara



Icyumweru cya 2: 10 Ukwakira 2010

Isomo: Gukosora umukoro batahanye ubushize

Abana baravuga amagambo 6 bavumbuye n'interuro 2 bakoze. Gusaba abana 2 bakereka abandi aho ayo magambo ari mu mbonerahamwe. Mwarimu abe yateguye aho kumanika igishushanyo buri mwana yavumbuye akanagisiga amabara.

Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.

Yosiya: Umwami wategutse neza akiri umwana. 2 Ngoma 34:14-28

1. Bibiliya ari yo itumenyesha amategeko y'Imana.
2. Kutihana ibyaha bituma Uwiteka aturakarira.
3. Umuntu wese ahanirwa icyaha cye kuko Imana idahishwa.

Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Abaheburayo 4:16

Icyumweru cya 3: 17 Ukwakira 2010

Isomo: Urukundo rw’Imana ku munyabyaha. **Luka 15:11-20**

Intego: Gufasha abana kumenya ko:

1. Uwiteka ari umubyeyi wacu kandi ko adukunda.
2. Uwiteka yaduteganyirije ubutunzi bwinshi (amafaranga, ubwenge, icyubahiro, agakiza n’ibindi).
3. Dukwiye kubukoresha neza tutabupfusha ubusa.
4. Biramutse bitubayeho tukagira ubwo dupfusha ubusa, tuyje tugaruka kuri Data tumusabe imbabazi.


Incamake: Umubyeyi yari afite abana babiri, bukeye umuhererezi amusaba umugabane w’ibintu bye, maze yiyemeza kujya mu gihugu cya kure. Ageze ibintu bye abipfusha ubusa yinezeza, nyuma arakena cyane kugeza aho yagiye gusaba akazi ko kuragira ingurube, akajya atungwa n’ibyo zisigaje! Nuko aza kwisubiramo, yiyemeza gusubira kwa se akamusaba imbabazi nibura akamugira umwe mu bagaragu be. Maze arahaguruka asubira kwa se.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “Uwiteka aravuga ati: ...Nugaruka abe ari jye ugarukira, nukuraho ibizira byawe bikamva mu maso ntuzongera kujarajara.” **Yeremiya 4:1.**


Umukoro wo mu rugo:

- a. Tondeka uko bikwiye muri utwo tuziga, wifashishije nimeru, uko ibikorwa by’umwana w’ikirara bikurikirana uherye ku gikorwa cyabanje.

1. Reka mpaguruke njye kwa Data.
2. Data mpa umugabane wanjye.
3. Arahaguruka ajya kwa se.
4. Aragenda ahakwa n’umuntu wo muri icyo gihugu.
5. Ajya mu gihugu cya kure.
6. Yifuza guhazwa n’ibyo ingurube zaryaga.
7. Data, nacumuye ku yo mu ijuru no mu maso yawe



- b. Uyu mwana w’ikirara ngo yifuzaga guhazwa n’ibyo ingurube zasigaje! Ingaruka zo kutumvira ni mbi cyane. Shyira muri aya amashusho amabara



Icyumweru cya 4: 24 Ukwakira 2010

Isomo: Gukosora umukoro batahanye ubushize

Buri mwana arasoma ziriya nteruro 7 akurikije uko yazitondetse.

Abana mu matsinda ya bane bane, barerekana uko basize kiriya gishushanyo. Buri mwana aganirire bagenzi ku nkuru y' ibyamubayeho bitewe no kutumvira, basengerane.

Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.

Urukundo rw'Imana ku munyabyaha. **Luka 15:11-20**

1. Uwiteka ari umubyeyi wacu kandi ko adukunda.

2. Uwiteka yaduteganyirije ubutunzi bwinshi (amafaranga, ubwenge, icyubahiro, agakiza n'ibindi).
3. Dukwiye kubukoresha neza tutabupfusha ubusa.
4. Biramutse bitubayeho tukagira ubwo dupfusha ubusa, tujye tugaruka kuri Data tumusabe imbabazi.

Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Yeremiya 4:1.

Icyumweru cya 5: 31 Ukwakira 2010

Isomo: Urukundo rw'Imana ku munyabyaha. **Luka 15:20-32**


Intego: Gufasha abana kumenya ko:

1. Iyo twavuye ku Mana Data tukajya mu byaha, ihora itegereje ko twihana tukagaruka.
2. Kugaruka ni icyemezo gifatwa n'umuntu ku giti cye.
3. Iyo tugarutse, itwakirana imbabazi nyinshi n'urukundo.
4. Itwambura imyenda yo gukiranirwa, ikatwambika iyo gukiranuka.

Incamate: Umwana w'ikirara agituruka kure, se yahise amumenya, aramubabarira, aramusanganira, aramuhobera, aramusoma, umwana amusaba imbabazi, se atumaho umwenda mwiza, impeta n'inkweto barabimwambika. Maze babaga ikimasa bararya barishima kuko uwari warazimiye yagarutse. Nyamara ibyo byababaje mukuru we kuko yari yaragumanye na se ntajye kuba ikirara kandi atarigeze amukorera umunsi mukuru ngo nibura amubagire agahene. Nuko se amusobanurira impamvu y'uko bakwiye kwishima, aramwurura.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose.” **1Yohana 1:9**

Umukoro wo mu rugo: Andika ibintu 4 biranga umuryango ubanye neza.



Ese ibyo bine wavuze biranga umuryango w'iwanyu?

Niba biwuranga: Shima Imana

Niba atari byo biwuranga, senga Imana ibatunganyirize umuryango.

UGUSHYINGO 2010

Icyumweru cya 1: 7 Ugushyingo 2010

Isomo: Urukundo rw’Imana ku munyabyaha. **Luka 15:1-10**

Intego: Gufasha abana kumenya ko:

1. Yesu yaje mu isi gushaka umunyabyaha ngo amucungure.
2. N’ubwo Imana yanga ibyaha ariko ikunda umunyabyaha.
3. Umunyabyaha umwe wihannye atuma mu ijuru haba umunezero.

Incamake: Igihe Abafarisayo n’Abanditsi bivovoteraga koYesu akunda kwegera abanyabyaha agasangira na bo, yifashishije umugani abumvisha ko abo banyabyaha ari bo bamuzanye. Ababwira ko uwaba afite intama100 akaburamo imwe yasiga izindi akajya gushaka iyazimiye cyangwa uwabura igice cy’ifeza kimwe yagira umwete wo kugishaka kugeza aho akiboneye. Kandi iyo akibonye arishima. Yesu na we uko ni ko agira umwete wo gushaka umunyabyaha.



Umurongo wo gufata mu mutwe: “Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga umwana wayo w’ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho” **Yohana 3:16.**

Umukoro wo mu rugo:

- a. Curukura amagambo akurikira maze ukurikiranye inyuguti ziri mu tuzu uramenya kimwe mu biranga imiterere y’Imana, buri gakwego cyangwa akazu gahagarariye inyuguti.

ROMUZEUNE	— — ☐ — — — — —
URUIJ	— — — ☐ ☐
RIKOO	— ☐ — — — —
TINCIU	— — — ☐ — —
ITASNDIBA	— — — ☐ ☐ — — — —
REUMUGO	— — — — ☐ — —

- b.Imana ikunda ibyo yaremye. Siga amabara iki gishushanyo



Icyumweru cya 2: 14 Ugushyingo 2010

Isomo: Gukosora umukoro batahanye ubushize

Mu matsinda ya bane bane, abana berekane uko bacurukuye ariya magambo, n'icyu bavumbuye cyanditse mu tuzu, berekane n'uko buri wese yasize kiriya gishushanyo mo amabara. Mwarimu arazenguruka ishuri areba uko babikoze akosora. Nibarangiza, buri mwana abwire bagenzi be ikintu yumva kimugaragariza ko Imana imukunda, basenge bashima Imana.

Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.

Urukundo rw'Imana ku munyabyaha. **Luka 15:1-10**

1. Yesu yaje mu isi gushaka umunyabyaha ngo amucungure.
2. N'ubwo Imana yanga ibyaha ariko ikunda umunyabyaha.
3. Umunyabyaha umwe wihannye atuma mu ijuru haba umunezero.

Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Yohana 3:16

Icyumweru cya 3: 21 Ugushyingo 2010

Isomo: Isengesho rya Yabesi. **1 Ngoma 4: 9-10**

Intego: Gufasha abana kumenya ko:

1. Amateka y'ababyeyi agira ingaruka ku bana.
2. Bakwiye kumenya amateka y'umuryango wabo. Amabi bagaba Imana ikayahindura.

Incamake: Yabesi yarushaga bene se icyubahiro ariko nyina yari yaramubyaranye agahinda ni na cyo cyatumye amwita iryo zina. Maze Yabesi atakambira Imana ngo imuhe umugisha, yagure imbago ze, ukuboko kwayo kubane na we kandi imurinde ibyago ntibimubabaze. Maze Imana imuha ibyo yayisabye.

Umurongo wo gufata mu mutwe: "Icyampa ukampa umugisha rwose, ukagura imbago zanjye, kandi ukuboko kwawe kukabana nanjye, ukandinda ibyago ntibimbabaze." **1Ngoma 4:10**

Umukoro wo mu rugo:

a. Yabesi yatakambiye Uwiteka afite ibyo asaba. Simbuza imibare ikurikira inyuguti ziyihagarariye uramenya ibyo yasabye.

A	B	C	D	E	F	G	H	I	J	K	L	M
1	2	3	4	5	6	7	8	9	10	11	12	13
N	O	P	R	S	T	U	V	W	Y	Z		
14	15	16	17	18	19	20	21	22	23	24		

- 13 20 7 9 18 8 1
- 11 22 1 7 20 17 1 9 13 2 1 7 15
- 11 20 2 1 14 1 14 20 22 9 19 5 11 1
- 11 20 13 20 17 9 14 4 1 9 2 23 1 7 15

b. Ibyo Imana yaremeye byose ni byiza. Shyira amabara mu mashusho akurikira.



Icyumweru cya 4: 28 Ugushyingo 2010

Isomo: Gukosora umukoro batahanye ubushize

Mu matsinda ya bane bane, buri mwana aravuga ibyo yavumbuye Yabesi yasabye Imana. Nyuma buri mwana abwire bagenzi be ikintu ari gusengera, bafatanye gusenga, barangize bashima Imana ko yumvise gusenga kwabo. Berekane ibishushanyo basizemo amabara bitegereze ubwiza bwabyo

Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.

Isengesho rya Yabesi. **1 Ngoma 4: 9-10**

1. Amateka y'ababyeyi agira ingaruka ku bana.
2. Bakwiye kumenya amateka y'umuryango wabo. Amabi bagaba Imana ikayahindura.

Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: 1Ngoma 4:10

UKUBOZA 2010

Icyumweru cya 1: 05 Ukubozza2010

Isomo: Umugambi w’Imana wo kuducungura. **Yesaya 9: 1-6**

Intego: Gufasha abana kumenya:

1. Ko Umucyo Imana yohereje ari Yesu Kristo.
2. Kurondora ibiranga uwo Mucyo Imana yohereje abantu.

Incamake: Yesaya yahanuriye Abisirayeli ko hazavuka Umukiza. Yagereraniye uwo Mwana uzavuka n’Umucyo uvira abari mu mwijima, abemeye kumurikirwa na wo bakawugenderamo bazakizwa imibabaro. Uwo Mwana uzavuka ubutware buzaba ku bitugu bye, azitwa Igitangaza, Imana ikomeye, Umwami w’Amahoro!

Umurongo wa gufata mu mutwe: “Nuko umwana yatuvukiye duhawe umwana w’umuhungu. Ubutware buzaba ku bitugu bye; azitwa igitangaza, umujyanama, Imana ikomeye, Data wa twese uhoraho, Umwami w’amahoro.” **Yesaya 9:5**

Umukoro wo mu rugo:

a. Siga amabara muri ibi biti unezererwe ibyo Imana yaremeye kuko ni byiza. Buri giti cyose gifite uko gisa n’uko gihumura bitandukanye n’iby’ibindi. Niko namwe abana mumeze. Nta usa n’undi ariko buri wese afite ubwiza butangaje Imana yamuramanye. Buri wese iramwishimira, muri ab’igicro mu maso yayo



Icyumweru cya 2: 12 Ukuboza 2010

Isomo: Gukosora umukoro batahanye ubushize

Mwarimu ategure aho buri mwana amanika igishushanyo cye yasize. Mu kubyitegereza yibutse abana ko ari ab'igicro mu maso y'Imana kandi ko buri wese ari mwiza cyane kuko yaremwe mu ishusho y'Iman.

Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.

Umugambi w'Imana wo kuducungura. **Yesaya 9: 1-6**

Gufasha abana kumenya:

1. Ko Umucyo Imana yohereje ari Yesu Kristo.
2. Kurondora ibiranga uwo Mucyo Imana yoherereje abantu.

Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Yesaya 9:5

Icyumweru cya 3: 19 Ukuboza 2010

Isomo: Umugambi w'Imana wo kuducungura. **Luka 1:26-38**

Intego: Gufasha abana kumenya ko:

1. Umucyo Imana yari yarasezeraniye wabonetse.
2. Iyo Imana ishaka kudukoresha iradutinyura, ni Imana y'amahoro.

Incamake: Mu gihe Mariya yari arimo yitegura gushyingirwa, Malayika Gaburiyeli we yatamwe kumumenyesha ko azabyara Umukiza w'abari mu isi. Malayika yasuhije Mariya n'indamutso y'amahoro, amubwira ko azabyara Umukiza. Nyuma yo gutangara, yemeye ubushake bw'Imana. Malayika yamusobanuriye iby'Umwana azabyara. Ubwenge bwacu ntibutuma dusobanukirwa neza iby'Imana, ni ko byagendekeye Mariya. N'ubwo atasobanukiwe neza n'ibyo Malayika yamubwiye, yemeye gusohaza umugambi w'Imana bituma abona umugisha wo kwitwa Nyina wa Yesu.

Umurongo wo gufata mu mutwe: “Kandi dore uzasama inda, uzabyara umuhungu uzamwite Yesu”. **Luka 1:31**

Umukoro wo mu ishuri:

Umucyo Imana yasezeraniye abari mu mwijima ni uwuhe?

Ese byagenze bite kugira ngo uwo mucyo ugere ku bantu?

Umukino: Gutegura agakino ka Noheli

Umukoro wo mu rugo: Gutegura agakino ka Noheli

Umunsi wa Noheli: 25 Ukuboza 2010

Isomo: Umugambi w'Imana wo kuducungura warasohoye. **Luka 2: 1-20**

Intego: Gusobanurira abana ko:

Umugambi w’Imana wo gucungura abantu Imana yawusohoje yohereza Yesu Kristo akavukira mu isi.


Incamate: Nyuma y’uko Kayisari atanze itegeko ryo kujya kwibaruza, Yosofu yajyanye na Mariya i Beterehemu. Bakiri mu nzira, Mariya araramukwa, abyarira mu kiraro cy’inka kuko bari babuze icumbi ahandi. Malayika abonekera abungeri abamenyesha inkuru nziza ko Umukiza yavutse, nabo bajya kureba. Kuvuka kwa Yesu kwahinduye amateka y’isi yose, ndetse n’uburyo bwo kubara ibihe bwarahindutse (Imyaka ya mbere yo kuvuka kwa Yesu Kristo n’iya nyuma yo kuvuka kwe).

Umurongo wo gufata mu mutwe: “Mu ijuru icyubahiro kibe icy’Imana no mu isi amahoro abe mu bo yishimira”. **Luka 2:14**


Umukoro wo mu ishuri:

4. Yesu yavukiye he?
5. Ni ba nde ba mbere bamenye iyo nkuru?
6. Bayibwiwe na nde?
7. Ni iki wakwigira kuri bariya bashumba?

Umukoro wo mu rugo: Siga amabara igiti cya Noheri, abanyabwene n’andi mashusho







Icyumweru cya 4: 26 Ukuboza 2010

Isomo: Gukosora umukoro batahanye ubushize
Mwarimu ategure aho abana bari bumanike ibishushanyo basize amabara. Abana babyitegereze babiganireho, bagerageza kurondora amashusho ari muri biriya bishushanyo

Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.

Umugambi w'Imana wo kuducungura warasohoye. **Luka 2: 1-20**

Umugambi w'Imana wo gucungura abantu Imana yawusohoje yohereza Yesu Kristo akavukira mu isi.

Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Luka 2:14

IBITABO BYIFASHISHIJE MU GUTEGURA

1. Bibiliya Yera2001.
2. Child Evangelical Fellowship Ministry, brochures (1983)
3. Education Department/EER/DK, Igitabo cy'abarimu b'abana brochures
4. Education Department EER/DK, Brochure 2009
5. La Bible dechiffree
6. La Bible pour enfants

7. Leon-Dufour, X et al. 1964. Vocabulaire de theologie Biblique. Paris: CERF
8. Lise de Benoit, C. 1993. L'Important, C'est L'Enfant. Lausanne: LLB
9. Living World Curriculum, 1987. A travers la Bible: Programme pour l'Ecole du Dimanche: California: Le Bon Livre.
10. Maillard, A. 1990. Dimanche et Fetes Chretiennes: Histoire des leurs Origines. Aubonne: Moulin

11. SANSSA Christian Ministry, brochures no 1
12. SANSSA Christian Ministry, brochures no 2
13. SANSSA Christian Ministry, brochures no 3
14. SANSSA Christian Ministry, brochures no 4
15. LLBR 2001, Manuel Pedagogiques pour l'utilisation des jeux, brochures
16. Tieche, M. 1966. L'Education Portera Ses Fruits. Dammarie-Les-Lys: S.D